


Bateze amatwi kandi barumvira

Hitamo imyitozo ihuje n'ibyo umwana wawe akeneye n'ibimushishikaza, maze mubiganireho mu muryango.

IMYITOZO YO GUCAPA



GUSOMERA HAMWE MU MURYANGO

JYA WIGISHA ABANA BAWE. Musome ingingo ifite umutwe ugira uti “Nubwo yanze kumvira, nyuma yaho yisubiyeho.” Musuzumire hamwe ibibazo bitatu biri kumwe n’iyo nkuru.



UMWITOZO

KUBWIRIZA KU ISI HOSE. Musome muri Matayo 28:19, 20. Mukine umukino ushingiyeye ku mafoto, ikarita n’ahanditse ngo “Amakuru y’ibanze” biboneka ku ipaji ibanza y’urubuga rwa [jw.org/rw](http://www.jw.org/rw), kugira ngo mumenye ibyerekeye ibindi bihugu.



UMWITOZO USHINGIYE KURI VIDEWO

KURIRIMBA MU RURIMI RW’AMARENGA. Muririmbe indirimbo ifite umutwe ugira uti “Mujye musenga Yehova mu busore bwanyu” yo mu gitabo *Dusingize Yehova*. Hanyuma murebere hamwe iyo ndirimbo kuri videwo mu Rurimi rw’Amarenga rw’Urunyamerika.



UMWITOZO WO KWIYIGISHA

MUKORE UBUSHAKASHATSI. Mwifashishe ibikoresho by’ubushakashatsi mushobora kubona mu rurimi rwanyu, kugira ngo mumenye ibyerekeye indwara y’ibibembe. Hanyuma musome mu Balewi 14:2, 4, 8, 10, 20, maze ufashe abana bawe gutondeka neza amafoto.